



Ninde ushobora
kubara kugenza
ku icumi?

Athieno Gertrude

Tr: Francine
Muhawenimana

Salim Kasamba


Kinyarwanda



Kera cyane, mumashyamba, Umwami
Ingwe yatangiye gutekereza kuhazaza.

Yatekereje ati: “Ndashaje kandi
umunsi umwe ngiye gupfa Umutegetsi
w’umunya bwenge agomba guhitamo
umusimbura akiri muto kandi afite
ubuzima bwiza.”

Ariko Umwami Ingwe yahitamo ate?
Yakundaga abagize ubwami
bwinyamaswa kimwe!



Umwami Ingwe yari afite igitekerezo.
Yohereje intumwa ze mu mashyamba.
Yababwiye gusaba inyamaswa zose zo
mu bwami kuza ibwami.

Yatangiye kugira ibirori binini kandi
agiye gukora itangazo ry'ingenzi.


Maze, intumwa ziriruka, kugera mu
mpande enye zose z'ishyamba.



Mu ijoro ry'ibirori, inyamaswa zose zari ibwami. Bararirimbye barabyina kandi bafite ibihe byiza.

Ukwezi kurenze hejuru y'ibiti, Umwami Ingwe araza ahagarara hagati y'ibibaya. Inyamaswa zahagaritse kuririmba no kubyina.

Bateze amatwi bucece umwami wabo atangira kuvuga.



Yakuyeho umuhogo maze agira ati:
“Natekereje ko igihe kigeze ngo
mpitemo uzansimbura. Ariko kubera
ko nkunda mwese kimwe, sinshobora
guhitemo uwo muri mwe ukwiriye
kurusha abandi. Noneho, nahisemo
ko amarushanwa ampitiramo.”




Umwami Ingwe yafashe icumu. Yavuze ati: “Uwa mberemuri mwebwe ashobora guterera icumu mu kirere akabara kugeza ku icumi mbere yuko rikora ku butaka, ni we uzansimbura.”



Umwami Ingwe, arangije kuvuga, inyamaswa zumvise urusaku rwinshi ruturutse inyuma. Zirahindukira zibona Inzovu ikandagira mu mbaga y'abantu imbere.

Inzovu iti: "Nimuve mu nzira. Ndi mukuru, ngomba kuba umwami."



Inzovu yafashe icumu ayifata hamwe n'umutwe we. Isubiza umutwe inyuma ijugunya icumu mu kirere. "Umwe! Babiri! Batatu! Oh!" Inzovu irarira.


Icumu ryikubise hasi ibaze bane. Inzovu yararakaye itangira gukandagira. Umwami Ingwe aramubwira ati: "Ufite amahirwe."

Kandi rero Inzovu yagombaga kugenda.



Inzovu imaze kagenda, inyamaswa zatangiye kuvuga zishimishije hagati yazo. Bongeye guhungabanywa n'urusaku rwinshi ruvuye inyuma y'imbaga.

Ingurube yaje kwishyuzza ivuga iti: "Sohoka, va mu nzira. Ngiye kuba umwami. Mfite imitsi minini. Ndi umunyembaraga. Nkwiye kuba umwami."



Ingurube yasubiye inyuma, ifata icumu, irijugunya mu kirere. "Umwe! Babiri! Batatu! Bane! Batanu! Oh!" irasakuza.

Icumu ryamanutse ibaze batandatu. Yararakaye cyane. Yabyutse kandi ijugunya mu kirere mu bicu.

Ingwe yaramubwiye ati: "Ingurube, utera rimwe gusa kandi wagize amahirwe." Ingurube yagombaga kugenda.



Nyuma yibyho, inyamaswa zatangiye kuvuga ibintu nkibi, “Iri rushanwa riragoye Inzovu ntishobora kubikora, kandi ni nini rwose. Ingurube nayo ntishobora kubikora, kandi rwose irakomeye. Ntawe ushobora gutsinda iri rushanwa!”

Muri ako kanya, bumvise irindi jwi riva inyuma y’imbaga. Iyo inyamaswa zarebaga hirya no hino, ntizashoboraga kwizera amaso yazo.



Babonye inkende nini iza imbere. Inkende imaze kwimuka, yaje iririmba iti: "Nshobora kubikora. Nzi ko nshobora kubikora. Nshobora kubikora."

Inkende yafashe icumu isubira inyuma. Yakuye ukuboko inyuma, yegera imbere, isimbukira mu kirere ijugunya icumu mu kirere.

"Umwe! Babiri! Batatu! Bane! Batanu! Batandatu! Barindwi! Oh!" Inkende yararize.



Icumu ryakubise ibaze umunani.

Inkende yararakaye. Yararakaye cyane ku buryo yatangiye guhindukira, kwitotomba no gutanga urwitwazo rw'ubwoko bwose.

Ariko Umwami Ingwe iramubwira iti: "Oya, Inkende, ubona amahirwe rimwe gusa." Inkende rero yagombaga kugenda.



Zimwe mu nyamaswa zirahindukira
zitangira kugenda ziva murugo.
Bakigenda, babona isha ntoya inyura
muri rubanda. Imaze gukandagira,
yagize iti: "Mutegereza, mutegereza.
Reka ngerageze. Ndashobora kubikora.
Ndashobora kubikora. Reka ngerageze."

Inyamaswa zumvise amagambo ye,
bose batangira guseka.



Umwami Ingwe yarasimbutse asakuza cyane, ati: "Muhagarika! Ntimushinyagurire Isha! Ninde wavuga ko ari nto inyamaswa nto ntishobora gukora ibintu inyamaswa nini zishobora gukora? Niba Isha ishaka kugira amahirwe, izahabwa amahirwe amwe nk'izindi nyamaswa zose zagize. Muhagarare rero mureke Isha itere icumu. "



Isha yunamiye umwami we,
irahindukira ifata icumu mu kanwa.
Yasubiye inyuma, n'imbaraga zose
n'umubiri wayo muto itangira
kwiruka. Igeze hagati yikibanza,
isimbukira hejuru.

Iceceka gato, irekura icumu maze
itera hejuru iti: "Batanu na batanu ni
icumi." Icumu ryikubise hasi.



Inyamaswa zose zaratuje. Bari mu rujijo. Umwami Ingwe yasobanuye ati: "Yego, Isha! Batanu wongeyeho batanu ni ubundi buryo bwo kugera ku icumi. Hariho inzira zirenze imwe zo kubara kugeza ku icumi."

Amarushanwa ntiyagombaga kubona inyamaswa nini cyangwa ikomeye. Byari amarushanwa yo gushaka inyamaswa zifite ubwenge! Nguko uko Isha yabaye umwamikazi igihe ingwe yapfaga.

Ninde ushobora kubara kugenza ku icumi?

Umwanditsi -- Athieno Gertrude na Owino Ogot

Ubuhinduzi -- Francine Muhawenimana

Icyongereza -- Salim Kasamba

Ururimi -- Ikinyarwanda

Urwego -- Ibika birebire

© African Storybook Initiative 2017

Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Inkomoko www.africanstorybook.org

2022.09.01